**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 15 APR 2019

N°...228..../07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**<u>NGOMA</u>**

**<u>Impamvu</u>: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 29/03/2019**

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 29/03/2019 yangezeho kuwa 05/04/2019.

Nshingiye ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa n'imyanzuro mwafashe, ndasaba ko yatangira gushyirwa mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**<u>BIMENYESHEJWE:</u>**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **<u>KIGALI</u>**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **<u>NGOMA</u>**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ngoma, kuwa 04/04/2019

No Ref.NJY/076 /07.05.06

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
INAMA NJYANAMA
Email: discouncilngoma@yahoo.fr

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' Inama Isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa **29 Werurwe 2019**.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama Isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **29 Werurwe 2019.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

P.O

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ngoma, kuwa 04/04/2019

No Ref.NJY/076 /07.05.06

Eastern ...
Date 05 APR 2019
Signature

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: discouncilngoma@yahoo.fr

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 15/4/2019
REFERENCE:
SIGNATURE:

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' Inama Isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa **29 Werurwe 2019.**

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama Isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **29 Werurwe 2019.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

P.O

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email:** discouncilngoma@yahoo.fr

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 29/03/2019: IGIHEMBWE CYA GATATU 2018-2019

Kuwa gatanu tariki ya **29 Werurwe 2019**, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba gito cy' inama cy' Akarere, iyobowe na Visi Perezida wayo Bwana **Dr. KANOBANA Mathusalem**. Inama yitabiriwe n' Abajyanama 22 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.Abajyanama basabye bagize impamvu zumvikana zo kutitabira inama ni aba bakurikira :

1. Bwana BANAMWANA Bernard
2. Madamu ISINGIZWE Aline
3. Madamu MUSABWASONI M. G. Sandra
4. Bwana MUGISHA Narcisse
5. Madamu UWINGABIRE Fausca
6. Madamu KAYITESI Faulatha

Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu (09h00) za mu gitondo , ifata imyanzuro ikurikira :

| SN | INGINGO | IMITERERE YAYO | IMYANZURO |
|---|---|---|---|
| | **Aho Akarere kageze kesa Imihigo ya 2018-2019** | Inama yagejejweho aho Imihigo y'Akarere 2018-2019 igeze ishyirwa mu bikorwa | Inama Njyanama imaze kugezwaho aho Imihigo y'Akarere igeze ishyirwa mu bikorwa bafashe umwanzuro wo gusura ibikorwa bigari biri mu Mihigo y'Akarere 2018-2019 |
| | **Gutegura Umwiherero w'Akarere** | Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere bagejejweho imyiteguro y' umwiherero w'Akarere uteganyijwe; aho | Inama Njyanama yemeje ko Umwiherero w'Akarere; uzaba kuwa 30-13/3/2018; ukazabera kuri Hotel |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | uzabera na gahunda izagenderwaho,ndetse n'abateganyijwe kuwitabira . | **MUHAZI Beach Resort** mu karere ka **RWAMAGANA`** |
| 3 | Ibaruwa ya **MUKAMUTARA Marthe utuye mu murenge wa Remera ; Akagari ka Kinunga ; Umudugudu w'Urusagara** | **MUKAMUTARA Marthe** yanditse asaba uburenganzira bwo kubaka uruzitiro rw'aho akorera ubucuruzi bwa Decolation mu Murenge wa Remera ruri kuri metero 19 uvuye ku Murongo w'umweru uganyijemo umuhanda mo kabiri.<br>Mu busanzwe inyubako yose iri ku Muhanda wa Leta (National Road) igomba kuba iri kuri metero 22 uvuye mu Murongo w'umweru ugabanyamo umuhanda kabiri . Inama Njyanam yemerewe gusa guhindura ubu burebure mu gice cy'umujyi. Aho **MUKAMUTARA Marthe** asaba ntabwo hari mu gice cy'umujyi. | Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku busabe bwa **MUKAMUTARA Marthe;** Inama Njyanama yemeje ko adahabwa uburenganzira bwo kubaka urwo ruzitiro kuri metero 19 ; yakubaka akurikije metero 22 ziteganywa n'amategeko. |
| . | **Ibaruwa ya RUTAGENGWA Fred utuye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe ; Akagari ka Kabeza** | **RUTAGENGWA Fred** yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bungana na 2000Ha buherereye mu Murenge wa Mugesera bwo gutera mo ibobere, mu nkengero z'ikiyaga mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije.<br>Muri iyi baruwa yagaragaje ko ariwe ku giti cye kandi ntiyagaragaza n'umushinga afite. | Inama imaze gusuzuma ubu busabe yemeje ko **RUTAGENGWA Fred** adahabwa ubu butaka kuko nta muntu ku giti cye wemerewe gutizwa ubutaka bwa leta. |
| | **Ibaruwa ya MUJAWIMANA** | **MUJAWIMANA Fercian** yandikiye Inama Njyanama asaba ko yahabwa | Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe yemeje ko |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Fercian utuye mu murenge wa Kibungo Akagari ka Karenge Umudugudu w'Isangano** | icumbi, avuga ko yakubakirwa na FARG nk'umuntu utishoboye wacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wi 1994. | **MUJAWIMANA Fercian** yahabwa icumbi nk'uko abandi banyarwanda bose batishoboye barihabwa. |
| 6. | **Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere Bwana NAMBAJE Aphrodise yandikiye Inama Njyanama** | Mu ibaruwa y' Umuyobozi wAkarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama asaba gufata imyanzuro ku mwanzuro w'inama yo kuwa 24/12/2018 ya Komite Nyobozi y'Akarere , wo gutera inkunga y'amafaranga miliyoni makumyabiri na zirindwi (**27.000.000 Frw**) yo gufasha gusana urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi rwa Mutenderi na Zaza.<br>Asaba ko Urwibutso rwa Jenoside rwa Mutenderi rwagenerwa miliyoni ebyiri **(2.000.000 Frw)** yo gukora amasuku ku rwibutso naho urwa Zaza rukazagenerwa miliyoni makumyabiri n'eshanu **(25.000.000 Frw)** yo kurusana | Abari mu nama bashyigikiye uyu mwanzuro Irawemeza ariko basaba ko kuri ubu busabe bwa Komite Nyobozi hongerwaho inyigo yo gusana izi nzibutso zombi. |
| 7. | **Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere** Bwana **NAMBAJE Aphrodise yandikiye Inama Njyanama asaba iminsi cumi n'Ine(14) y'ikiruhuko cy'Umwaka wa 2018** | Umuyobozi w'Akarere Bwana **NAMBAJE Aphrodise** yandikiye Inama Njyanama Asaba iminsi cumi n'Ine(14) y'ikiruhuko cy'Umwaka wa 2018; mu ibaruwa ye yagaragaje ko mu gihe yari muri mu kiruhuko cy'umwaka wa 2018 yagiye ahamagarirwa kwitabira indi mirimo mu gihe kingana n'Iminsi (14 ) bityo akaba asaba ko yasubizwa iyo minsi; kuva ku tariki ya 02-15/05/2019 | InamaNjyanama yanzuye ko umuyobozi w'Akarere Bwana **NAMBAJE Aphrodise** yahabwa icyo kiruhuko |
| | **Ibaruwa ya RUTERANDONGOZI Ismail wo mu Murenge wa Kibungo , akagari ka Cyasemakamba, Umudugudu wa Rubimba** | **RUTERANDONGOZI Ismail** yandikye Inama Njyanama asaba ingurane y'ubutaka yari yarahawe n'Akarere mu mwaka wa 2011 , ashaka kubakamo ivuriro; ntiyaryubaka kubera ibibazo yagiranye na Banki. Ubwo butaka kimwe n'ubwo bwari bwegeranye bwaje kubona nyirabwo arabusubirana Akarere kaza kubugura ubu | Abari mu nama banzuye ko Ruterandongozi Ismail yakongera gusaba agaragaza umushinga afite n'igihe yaba amaze kuwushyira mu bikorwa. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | hakaba ariho harimo kubakwa Stade ya Ngoma. | |
| 9 | **Ibyavuye muri Komite Ngenzuzi** | Komite Ngenzuzi yagejeje ku bari mu nama ibyavuye mu nama bagiranye n'Abayobozi b'Abacungamari b'Ibigo Nderabuzi; Ibigo by'Amashuri n' Imirenge; byakorewe ubugenzuzi mu mwaka wa 2017-2018; mu rwego rwo gutanga ibisobanuro ku makosa yagaragajwe na raporo y;abagenzuzi | Inama Njyanama imaze gusesengura ibyo yagejejweho na Komite Ngenzuzi yafashe imyanzuro ikurikira :<br>a. Abagaragayeho imicungire mibi basabwe ibisobanuro mu nyandiko; ku bigo nderabuzima byahawe ukwezi; ku bigo by'amashuri n'imirenge byahawe ibyumweru bibiri (2);<br>b. Ibyagaragaye nk'amakosa byakosorerwa mu rwego rw'ubuyobozi;<br>c. Akarere kagomba gusuzuma Ibigo nderabuzima ; Ibigo by'Amashuri n'imirenge ko amasoko bazatanga yashyizwe mu Ngengo y'Imari yabo;<br>d. Ibyagaragaye nk'ibyaha , iyo ibisobanuro byabo bitanyuze ababyumva babishyira mu rwego rw'Ubutabera;<br>e. Abazongera kugaragaraho amakosa y'Imicugire mibi, bazisobanura hagati inzego zibakuriye ; inzego z' Umutekano (Police ,Army) ; inzego z'Ubugenzacyaha (RIB) . |

Inama yashoje imirimo yayo saa munani z'umugoroba (**02:00pm**).

**Bikorewe i Ngoma kuwa 29 Werurwe 2019.**

Umwanditsi w' Inama

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w 'Inama

P.O

**BANAMWANA Bernard**

Umuyobozi w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

*ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA*

*YO KUWA 29/03/2019*

| NO | AMAZINA | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | KANOBANA Mathusalem | SAKE | 0788413212 | |
| 2 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 078350[illegible] | |
| 3 | Muligo Ladislas | Karembo | 078866575[illegible] | |
| 4 | UMUHIRE Marie Providence | SAKE | 0788630377 | |
| 5 | Habarurema Onelie | Kibungo | 0788591033 | |
| 6 | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | |
| 7 | HAKIZIMANA AUGUSTIN | KIBUNGO | 0788604376 | |
| 8 | KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | |
| 9 | KIMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | |
| 10 | MBARANGA Eudence Gervas | Murama | 0788871752 | |
| 11 | MUGABAREZA KING Thierry | Rurenge | 0788430185 | |
| 12 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 078834108[illegible] | |
| 13 | MUSONERA Ephrem | Mugesera | 0788389691 | |
| 14 | Mfitumukiza Ndacyayisenga | Kibungo | 0786[illegible]9411 | |
| 15 | RWIRIRIZA J.M.Vianney | RUKIRA | 0788129524 | |

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 29/03/2019

| NO | AMAZINA | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RUKUNDO Gilain | Gashanda | 0788514139 | |
| 2 | UWIMANA Florence | KAZO | 0783967085 | |
| 3 | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562993 | |
| 4 | Nwamanya William | Rukumberi | 0788690460 | |
| 5 | Kayitesi Faulata | | | |
| 6 | MUKANKUNZI Pelagie | MUGESERA | 0788605220 | |
| 7 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | |
| 8 | KAMANZI John | RUKUMBERI | 0788643526 | |
| 9 | Mukankusanga Béatrice | Kibungo | 0788457849 | |
| 10 | | | | |
| 11 | | | | |
| 12 | | | | |
| 13 | | | | |
| 14 | | | | |
| 15 | | | | |